African Management Institute

RWANDA

# Amahugurwa Ku Gukora Ubucuruzi Burambye



Ku bufatanye na:

mastercard foundation

Mu rwego rwo gufasha abacuruzi na ba rwiyemezamirimo bo mu Rwanda kugira icyo bakora mu buryo bwihuse kugirango basigasire ubucuruzi bwabo igihe bagwiririwe n'ibihe bidasanzwe.

## AMASOMO Y'UBUCURUZI ATANGIRWA UBUNTU KURI INTERINETI

Twateguye amasomo ahuje n'igihe kandi magufi azajya amara ukwezi kumwe. Ni amasomo twatoranyije mu yandi ubusanzwe atwara amasaha amagana mu yo AMI itangira ku giciro runaka. Hiyongeraho kandi imfashanyigisho mushobora kuvana ku rubuga rwacu mukazikoresha kugira ngo ubucuruzi bwanyu bugendane na "gahunda nshya" y'ubucuruzi.

Mu myigishirize, twibanda ku buryo bwihuse bwo gutegura ingengo y'imari, no gukoresha amafaranga make igihe mugira ibyo mwishyura. Ibi bizabafasha gufata ingamba zifatika kugirango mukomeze gukora ubucuruzi.






**Amahugurwa y'iminota 120 hifashishijwe Interineti**

**Ukwezi 1 wigira ku miyoboro ya AMI no mu muryango mugari wa AMI**

**Vanaho imfashanyigisho zateguwe na AMI ku gukora ubucuruzi burambye**

**Shyikirana n'inzobere za AMI hamwe n'abandi bacuruzi**



## IBYO UZIGA

### Igenamigambi

Vana imfashanyigisho ku rubuga rwacu ubundi uzikoreshe kugira ngo umenye ahantu hose hashobora guteza akaga ubucuruzi wenda gukora n'aho wakungukira.

### Ibyahombya ubucuruzi

Kora igenzura ry'ubucuruzi bwawe umenye ibintu bikomeye bishobora gutuma uhomba n'icyo wakora.

### Kunoza ikoreshwa ry'amafaranga mu bucuruzi

Tugufitiye igikoresho cyagufasha gutahura uburyo winjiza cyangwa usohora amafaranga mu bucuruzi, bityo ukamenya aho ukwiye gukoresha make n'aho wakwinjiriza mu gihe kizaza cyangwa ugashaka ubundi buryo.

> Iyi gahunda y'amahugurwa yamfashije gusuzuma ntibereye uko nkora ubucuruzi bwanjye. Kugereranya ibyo nagombye kuba narakoze n'ibyo nakoraga byamfashije gufata ibyemezo bizima. Umwaka ushize, natangiye gukora ubundi ubucuruzi noneho nifashisha ibyo nize kugirango ndebe ko natangiye mu buryo bukwiye. Nshimishwa kandi n'amasomo akubiyemo, ibikoresho ndetse n'imfashanyigisho bijyana. Ndashimira kandi ikipe ya AMI idukurikiranira hafi kugirango bamenye uko byifashe ndetse bakanagenzura niba turi gukora mu buryo bukwiye. Murakoze.

Providence Ingabire, Ndege Tours and Travels, Rwanda

**Menya byinshi ku mahugurwa yateguwe na AMI ku gukora ubucuruzi burambye**
**www.africanmanagers.org/rwandabusinessbootcamp**